

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup

A. Imiryango / Organizations/ Organisations

IHURIRO RY'IMIRYANGO ITANGA UBUFASHA MU BY'AMATEGEKO.....	2
THE LEGAL AID FORUM' 'FORUM D'AIDE JURIDIQUE'.....	2
FORUM D'AIDE JURIDIQUE' – 'LEGAL AID FORUM'.....	2
CAPACITAR –RWANDA.....	35
CONGREGATION DES PERES ROGATIONNISTES DU CŒUR DE JESUS AU RWANDA.....	54
BENEBIKIRA : NOUVELLES REPRESENTANTES LEGALES.....	72

B. Amakoperative / Cooperatives / Coopératives

- IMBEREHEZA RUTARE.....	76
- UMUCYO RUTARE.....	77
- AMIZERO RUTARE.....	78
- BFCO.....	79
- ASCO.....	80
- KOIMIZANYA.....	81
- KUNDUMURIMO KABAYA.....	82
- KOPUBURU I.....	83
- KURANEZA MWANA.....	84
- COVIAVEMPA.....	85
- COUMCOFACERU.....	86
- KAMU.....	87
- C.U.S.....	88

UMURYANGO NYARWANDA UTARI UWA
LETA: 'IHURIRO RY'IMIRYANGO ITANGA
UBUFASHA MU BY'AMATEGEKO'

A NATIONAL NON- GOVERNMENTAL
ORGANISATION: 'THE LEGAL AID
FORUM' 'FORUM D'AIDE JURIDIQUE'

ORGANISATION NON
GOUVERNEMENTALE NATIONALE :
'FORUM D'AIDE JURIDIQUE' – 'LEGAL
AID FORUM'

AMATEGEKO AGENGA IHURIRO
RY'IMIRYANGO ITANGA UBUFASHA MU
BY'AMATEGEKO

STATUTES

STATUTS

Iriburiro

Twebwe abagize imiryango ikurikira;

*Twemera ihame ry'uburinganire imbere
y'amategeko nk'uburenganzira shingiro bwa muntu
buri mu masezerano mpuzamahanga
y'uburenganzira bwa muntu no mu Itegeko
Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;*

*Dushyigikiye kandi duteza imbere ihame
ry'butabera kuri bose;*

*Dufata ubufasha mu by'amategeko nk'inkingi
fatizo izatuma abantu bagera ku butabera nyabwo
kandi bakabuhabwa;*

*Twumva kimwe ubufasha mu by'amategeko
bubumbiye hamwe inzego zinyuranye zigize
'Inyabutatu y'Ubufasha mu by'Amategeko':
kwigisha, gutanga inama n'ubwunganizi;*

*Twiyemeje gukorera hamwe n'abandi bose bakora
mu byerekeye ubutabera, by'umwihariko Minisiteri
y'Ubutabera n'izindi nzego za Leta zikora mu
rwego rw'ubutabera n'urw'uburenganzira bwa
muntu;*

Nyuma y'uko hashinzwe Ihuriro ry'Imiryango

Preamble

We the under-signed organisations;

*Recognising equality before the law as a
fundamental human right enshrined in the
international conventions on human rights and in
the Rwandan constitution;*

*Supporting and promoting the vision of equitable
access to justice for all;*

*Identifying legal aid as crucial to the realisation of
the goal of accessible and equitable legal service
provision;*

*Adopting a common understanding of legal aid
that encompasses the different levels of the
'Legal Aid Triangle': education, advice and
representation;*

*Committed to working together with all
stakeholders in the justice sector and in particular
with the Ministry of Justice and other government
bodies working in the justice and human rights
sectors;*

Following the creation of a Legal Aid Forum in

Préambule

Nous, les organisations soussignées ;

*En reconnaissant l'égalité devant la loi comme un
droit de l'homme fondamental qui fait partie
intégrante des conventions internationales des
droits de l'homme et de la constitution rwandaise ;*

*En appuyant et en promouvant la vision de l'accès
équitable à la justice pour tous ;*

*En identifiant l'aide juridique comme un élément
crucial à l'accomplissement du but de fournir des
services juridiques équitables et accessibles ;*

*En adoptant une compréhension commune de
l'aide juridique qui englobe les différents niveaux
du 'Triangle de l'Aide Juridique' : information,
conseil et représentation ;*

*En s'engageant à travailler avec toutes les parties
prenantes dans le secteur de la justice et en
particulier avec le Ministère de la Justice et
d'autres organes du Gouvernement œuvrant dans
les secteurs de la justice et des droits de l'homme ;*

A la suite de la création d'un Forum d'Aide

itanga Ubufasha mu by'Amategeko mu Rwanda rigendera ku Masezerano yemejwe n'abanyamuryango baryo ku wa 26 Ukwakira 2006 nk'urubuga rwo guhaniramo amakuru, rw'ubufatanye no guhuriza hamwe imbaraga hagamijwe kurushaho gutanga serivisi nziza z'ubufasha mu by'amategeko;

Dushyigikiye gukomeza ibikorwa by'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko mu Rwanda no kuwushakira ubuzima gatozi; kandi *Nyuma yo kwemeranywa ku* Cyerekezo, Ubutumwa, Intego n'Ibigamijwe n'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko, imiryango ishyizeho umukono ihinduye aya Mategeko ikurikije itegeko n° 04/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigenga imitunganyirize n'imikorere by'Imiryango Nyarwanda Itari iya Leta mu Rwanda.

UMUTWE WA I: Izina, Igihe Ihuriro rizamara, Icyicaro, Imbibi, Icyerekezo, Ubutumwa, Intego n'ibigamijwe

Ingingo ya mbere – Izina

Hakurikijwe amategeko agenga imiryango nyarwanda itari iya Leta mu Rwanda, hashinzwe umuryango nyarwanda utari uwa Leta witwa 'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko' cyangwa 'The Legal Aid Forum' (mu cyongereza) na 'Forum d'Aide Juridique' (mu gifaransa).

Rwanda governed by a Charter adopted on October 26, 2006 by the members, as a space for information sharing, collaboration, and synergy of efforts to ensure improved legal aid service provision;

Supporting the continuation and legal registration of the Legal Aid Forum in Rwanda; and

Agreeing on the Vision, Mission, Aims and Objectives of the Legal Aid Forum, the undersigned organisations amend the present Statutes in accordance with the law n° 04/2012 of 17/02/2012 governing the organisation and functioning of National non - Governmental Organisations in Rwanda.

CHAPTER I: Name, Duration, Location of the Headquarter, Geographical coverage, Vision, Mission, Aims and Objectives

Article 1 – Name

In accordance with the laws governing national non governmentant organisations in Rwanda, a national non governmental organisation named 'The Legal Aid Forum' (English version) and 'Forum d'Aide Juridique' (French version) is hereby established.

Juridique au Rwanda, régi par une Charte adoptée le 26 octobre 2006 par les membres, comme un espace pour le partage de l'information, la collaboration et la synergie des efforts pour s'assurer d'une meilleure fourniture de services d'aide juridique ;

En appuyant la continuation et l'enregistrement officiel du Forum d'Aide Juridique au Rwanda; et

En étant d'accord sur la Vision, la Mission, les Buts et les Objectifs du Forum d'Aide Juridique, les organisations soussignées modifient les présents Statuts conformément à la loi n° 04/2012 du 17/02/2012 portant organisation et fonctionnement des Organisations Non-Gouvernementales Nationales au Rwanda.

Chapitre I: Dénomination, Durée, Emplacement du Siège social, Champ d'activités, Vision, Mission, Buts et Objectifs

Article 1 – Dénomination

Conformément aux dispositions régissant les organisations non-gouvernementales nationales au Rwanda, une organisation non-gouvernementale nationale dénommée 'Forum d'Aide Juridique' (version française) et 'The Legal Aid Forum' (version anglaise) est créée.

Ingingo ya 2 – Igihe Uzamara, Icyicaro, imbibi

1° Ihuriro ry’Imiryango itanga Ubufasha mu by’Amategeko rizamara igihe kitagenwe.

2° Icyicaro cy’ Ihuriro ry’Imiryango itanga Ubufasha mu by’Amategeko gishyizwe mu Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali.

Icyicaro gishobora kwimurirwa ahandi hantu aho ariho hose mu Rwanda byemejwe n’Inteko Rusange.

3° Ihuriro ry’Imiryango itanga Ubufasha mu by’Amategeko rikorera imirimo yaryo ku butaka bwa Repubulika y’u Rwanda.

Ingingo ya 3 –Icyerekezo, Ubutumwa, Intego n’Ibigamijwe

ICYEREKEZO

Gufasha abantu bose kugera ku butabera nyakuri.

UBUTUMWA

Kurushaho gufasha abaturage abatishoboye kubona ubutabera nyakuri binyuze mu kubagezaho ibikorwa by’ubufasha mu by’amategeko bifatika kandi bizira inenge.

INTEGO

Kuba urubuga rwo kungurana ibitekerezo hagamijwe gufasha imiryango igize Ihuriro kuzuzanya no gufashanya mu mishinga ishimangira ubushobozi bw’abanyamurya-ngo no koroshya ubuvugizi ku bibazo birebana no gutanga

Article 2 – Duration, Location of the Headquarter and Geographical coverage

1° The Legal Aid Forum is established for an indeterminate period.

2° The Headquarter of the Legal Aid Forum is established in Gasabo District, Kigali City, Rwanda.

It can be transferred to any other place in Rwanda by the decision of the General Assembly.

3° The Legal Aid Forum implements its activities throughout the Republic of Rwanda.

Article 3 – Vision, Mission, Aim and Objectives

VISION

Equitable access to justice for all.

MISSION

To promote equitable access to justice for indigent population and vulnerable groups, through the provision of accessible and high quality legal aid services.

AIM

To be a network for discussion where organisations can learn from each other and collaborate on initiatives that will both strengthen the capacity of members and facilitate advocacy on issues related to legal aid service provision.

Article 2 – Durée, Emplacement du Siège social et Champ d’activités

1° Le Forum d’Aide Juridique est créé pour une durée indéterminée.

2° Le siège social du Forum d’Aide Juridique est établi dans le District de Gasabo, Ville de Kigali, Rwanda.

Il peut être transféré en tout autre lieu au Rwanda par décision de l’Assemblée Générale.

3° Le Forum d’Aide Juridique exerce ses activités sur l’ensemble du territoire de la République du Rwanda.

Article 3 – Vision, Mission, Buts et Objectifs

VISION

Accès équitable à la justice pour tous.

MISSION

Promouvoir l’accès équitable à la justice pour la population indigente et les groupes vulnérables à travers la fourniture de services d’aide juridique accessibles et de haute qualité.

BUT

Etre un réseau de discussions où les organisations peuvent partager leurs connaissances et collaborer aux initiatives qui renforceront la capacité des membres et faciliteront le plaidoyer sur les problématiques relatives à la fourniture de services

ubufasha mu by'amategeko.

IBIGAMIJWE

- Guteza imbere ubufatanye n'ubwuzuzanye hagati y'ibikorwa n'abakora mu rwego rw'ubufasha mu by'amategeko no kugeza abantu ku butabera;
- Kurushaho kunoza uburyo bwo gushyikiriza abantu serivisi z'ubufasha mu by'amategeko;
- Kongera ubushobozi bw'abakora mu rwego rw'ubufasha mu by'amategeko;
- Gushyira ahagaragara no gutangira ubushakashatsi n'ubuvugizi ku bibazo byerekeranye n'amategeko bigira ingaruka ku batishoboye mu Rwanda;
- Gutanga umusanzu mu guteza imbere urwego rw'ubufasha mu by'amategeko rukora neza kandi ku buryo burambye mu Rwanda;
- Guhuriza hamwe amikoro n'inkunga ya tekiniki hagamiywe guteza imbere ubufasha mu by'amategeko.

UMUTWE WA II: Abanyamuryango n'abagenerwabikorwa b'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko

Ingingo ya 4 – Abanyamuryango

Ni imiryango yose ishyigikiye icyerekezo, intego, n'ibigamiywe by'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko. Abanyamuryango

OBJECTIVES

- To increase collaboration and complementarity between activities and actors in the domain of legal aid and access to justice;
- To improve the quality and accessibility of legal aid service provision;
- To reinforce the capacity of interveners in the area of legal aid;
- To identify and initiate research and advocacy on legal issues affecting indigent population and vulnerable groups in Rwanda;
- To contribute towards the development of an effective, sustainable legal aid system in Rwanda;
- To mobilise resources and technical support to enhance legal aid.

Chapter II: Membership and Beneficiaries of the Legal Aid Forum

Article 4 – Members

All interested organisations who support the vision, mission, aims and objectives of the Legal Aid Forum. Members are at the same time

d'aide juridique.

OBJECTIFS

- Augmenter la collaboration et la complémentarité entre les activités et acteurs dans le domaine de l'aide juridique et de l'accès à la justice ;
- Améliorer la qualité et l'accessibilité de la fourniture des services d'aide juridique;
- Renforcer la capacité des intervenants dans le domaine de l'aide juridique;
- Identifier et initier la recherche et le plaidoyer sur des problématiques juridiques qui affectent la population indigente et les groupes vulnérables au Rwanda;
- Contribuer au développement d'un système d'aide juridique efficace et durable au Rwanda;
- Mobiliser des ressources et l'appui technique pour renforcer l'aide juridique.

Chapitre II: Les membres et les bénéficiaires du Forum d'Aide Juridique

Article 4 – Membres

Toutes les organisations intéressées qui appuient la vision, la mission, les buts et les objectifs du Forum d'Aide Juridique. les membres sont en

nibo kandi bagenerwabikorwa b'Ihuriro. Abanyamuryango bari mu byiciro bibiri:

A) Abenegihugu: Imiryango nyarwanda, yashyize umukono kuri aya Mategeko shingiro, cyangwa yasabye kuba abanyamuryango ikabyemererwa n'Inteko Rusange;

Muri icyo miryango harimo, bitagarukiye gusa, Imiryango itari icya Leta Leta, Imiryango iharanira inyungu z'abakozi, Urugaga rw'Abavoka, Urugaga rw'Abunganizi mu nkiko, Ibigo ngishwanama mu by'amategeko bya za Kaminuza, Imiryango yegamiye ku madini.

B) Abanyamuryango mpuzamahanga: Imiryango yashyize umukono kuri aya Mategeko shingiro, cyangwa yasabye kuba abanyamuryango ikabyemererwa n'Inteko Rusange.

Muri icyi miryango hashobora kubamo imiryango mpuzamahanga itegamiye kuri Leta, imiryango mpuzamahanga idaharanira inyungu ikora ibikorwa byunganira Leta.

Ingingo ya 5 – Ibisabwa abashaka kuba abanyamuryango

Abenegihugu

- Imiryango nyarwanda yemewe n'amategeko; na
- Imiryango ifite mu nshingano zayo kugeza serivisi z'ubufasha mu by'amategeko ku Banyarwanda batishoboye, cyangwa amahuriro/impuzamashyirahamwe zifite mu nshingano zazo gutera inkunga

beneficiaries of the Legal Aid Forum. Members are of two categories:

A) National members: Rwandan organisations, who are signatories to the present Statutes, or apply for membership and are approved by the General Assembly;

These organisations include but are not restricted to NGOs, Trade Unions, the Bar Association, Corps of Judicial Defenders, Universities (Legal Clinics) and Faith based organisations.

B) International members: Organisations, who are signatories to the present Statutes, or apply for membership and are approved by the General Assembly.

These organisations may include but are not restricted to international NGOs, international non-profit making organisations of para-statal nature.

Article 5 – Criteria for membership

National members

- Rwandan organisations that are legally registered; and
- Organisations that as part of their mandate provide legal aid services to the Rwandan indigent population or vulnerable groups, or umbrellas/networks that as part of their mandate support members who provide

même temps les bénéficiaires du Forum d'Aide Juridique. Les membres sont de deux catégories:

A) Membres nationaux : les organisations rwandaises signataires des présents Statuts ou celles qui demandent à adhérer et que l'Assemblée Générale approuve ;

Ces organisations comprennent, mais sans y être limitées, les ONG, les Syndicats, le Barreau, le Corps des Défenseurs Judiciaires, les Universités (Cliniques juridiques), et les Organisations religieuses.

B) Membres internationaux : les organisations qui sont signataires des présents Statuts ou celles qui demandent à adhérer et que l'Assemblée Générale approuve.

Ces organisations peuvent comprendre, mais sans y être limitées, les ONG internationales, les organisations internationales sans but lucratif de type parastatal.

Article 5 – Critères d'adhésion

Membres nationaux

- Organisations rwandaises qui sont légalement enregistrées ; et
- Organisations qui, de par leur mandat, fournissent des services d'aide juridique à la population rwandaise indigente ou aux groupes vulnérables, ou les collectifs/réseaux qui, de par leur mandat,

abanyamuryango batanga serivisi z'ubufasha mu by'amategeko ku Banyarwanda batishoboye.

Abanyamuryango mpuzamahanga:

- Imiryango yemewe mu bihugu ikomokamo kandi ikorera mu Rwanda ku buryo bwemewe n'amategeko; kimwe na
- Imiryango mpuzamahanga ifite mu ntego zayo:
 - Guha Abanyarwanda batishoboye serivisi z'ubufasha mu by'amategeko; cyangwa
 - Gutera inkunga imiryango igeza serivisi z'ubufasha mu by'amategeko ku Banyarwanda batishoboye.

legal aid services to the Rwandan indigent population or vulnerable groups.

International members

- Organisations that are legally registered in their home country and legally operating in Rwanda; and
- International organisations that provide as part of their mandate:
 - Legal aid services to the Rwandan indigent population or vulnerable groups; or
 - Support to organisations that provide legal aid services to the Rwandan indigent population or vulnerable groups.

appuient les membres fournissant des services d'aide juridique à la population rwandaise indigente ou aux groupes vulnérables.

Membres internationaux

- Organisations qui sont légalement enregistrées dans leur pays d'origine et qui opèrent légalement au Rwanda; et
- Organisations internationales qui fournissent de par leur mandat :
 - Des services d'aide juridique à la population rwandaise indigente ou aux groupes vulnérables ; ou
 - Un appui aux organisations qui fournissent des services d'aide juridique à la population rwandaise indigente ou aux groupes vulnérables.

Ingingo ya 6 – Kwemererwa kuba umunyamuryango

Imiryango yari isanzwe igize, kuva mu ikubitiro, Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko kandi yashyize umukono kuri aya Mategeko shingiro ni abanyamuryango b'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'amategeko nta kindi isabwe.

Nyuma y'iki gihe, inyandiko zisaba kuba abanyamuryango zigomba gushyikirizwa Perezida w'Inama y'Ubuyobozi zinyujijwe ku Bunyamabanga.

Article 6 – Admission

All organisations that were originally members of the Legal Aid Forum and that are signatories to the present Statutes are automatically members of the Legal Aid Forum.

Thereafter applications for membership shall be addressed in writing to the Chair of the Administrative Council via the Secretariat.

Article 6 – Admission

Toutes les organisations qui étaient à l'origine membres du Forum d'Aide Juridique et qui sont signataires des présents Statuts sont automatiquement membres du Forum d'Aide Juridique.

Après cela, les demandes d'adhésion seront adressées par écrit au Président du Conseil d'Administration par l'intermédiaire du Secrétariat.

Abanyamuryango bemezwa na bibiri bya gatatu

Members shall be approved by two thirds of the

L'admission des membres sera approuvée aux

(2/3) by'abanyamuryango bitabiye inama y'Inteko Rusange.

Ubunyamabanga bugeza ku wasabye kuba umunyamuryango ibaruwa imwemerera cyangwa imuhakanira hakurikijwe icyemezo cyafashwe n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 7 – Gutakaza ubunyamuryango

Hari impamvu zitandukanye zituma habaho gutakaza ubunyamuryango: kwirukanwa cyangwa gusezera ku bushake; iyo umuryango uhagaze cyangwa se iyo umuryango mpuzamahanga uhagaritse gukorera mu Rwanda; iyo umuryango ukuye mu nshingano zawo guha abanyarwanda batishoboye serivisi z'ubufasha mu by'amategeko (cyangwa iyo uhagaritse inkunga wateraga imiryango itanga serivisi z'ubufasha mu by'amategeko ku Banyarwanda batishoboye) ; cyangwa igihe Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'amategeko risheshwe.

Umunyamuryango wese wifuza gusezera mu Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'amategeko yandikira Inama y'Ubuyobozi, abinyujije ku Bunyamabanga, ibaruwa isabira ishyirahamwe ahagarariye gusezera. Inama y'Ubuyobozi ishyikiriza iki cyifuzo Inteko Rusange ikagisuzuma.

Ingingo ya 8 – Ihagarikwa cyangwa iyirukanwa ry'abanyamuryango

Umunyamuryango ashobora guhagarikwa cyangwa kwirukanwa mu Ihuriro ry'Imiryango

members present at a General Assembly meeting.

A letter of acceptance or refusal is sent by the Secretariat to the applicant following the result of the decision taken by the General Assembly.

Article 7 – Loss of membership

Membership can be lost in a number of ways: through expulsion or voluntary resignation; if the organisation ceases to exist or in the case of an international member if the organisation ceases to operate in Rwanda; if the organisation ceases to include the provision of legal aid services to the Rwandan indigent population or vulnerable groups (or support to organisations that provide legal aid services to the Rwandan indigent population or vulnerable groups) as part of its mandate; if the Legal Aid Forum is dissolved.

Any member wishing to resign from the Legal Aid Forum shall do so by sending a letter stating its organisation resignation, to the Administrative Council via the Secretariat. The Administrative Council will inform the General Assembly.

Article 8 – Suspension or expulsion of members

A member can be suspended or expelled from the Legal Aid Forum if the organisation fails to adhere

deux tiers des membres présents à une Assemblée Générale.

Une lettre d'acceptation ou de refus est envoyée par le Secrétariat au demandeur conformément à la décision prise par l'Assemblée Générale.

Article 7 – Perte de la qualité de membre

La qualité de membre peut se perdre de différentes façons : par exclusion ou démission volontaire ; par le fait que l'organisation cesse d'exister au Rwanda ou dans le cas d'un membre international, que l'organisation cesse d'opérer au Rwanda ; si l'organisation cesse d'avoir comme partie intégrante de son mandat la fourniture de services d'aide juridique à la population rwandaise indigente ou aux groupes vulnérables (ou l'appui aux organisations qui fournissent des services d'aide juridique à la population rwandaise indigente ou aux groupes vulnérables); ou suite à la dissolution du Forum d'Aide Juridique.

Tout membre qui désire démissionner du Forum d'Aide Juridique devra le faire en envoyant une lettre précisant la démission de son organisation, adressée au Conseil d'Administration par l'intermédiaire du Secrétariat. Le Conseil d'Administration informera l'Assemblée Générale.

Article 8 – Suspension ou exclusion d'un membre

Un membre peut être suspendu ou exclu du Forum d'Aide Juridique si l'organisation ne respecte pas

itanga Ubufasha mu by'amategeko igihe umuryango unaniwe kubahiriza ibisabwa n'Amategeko shingiro n'amategeko ngengamikorere y'Ihuri ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko; iyo umuryango ukoze ibikorwa binyuranije n'icyerekezo, ubutumwa, intego n'ibigamijwe n'Ihuri ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko. Ikibazo gisuzumwa n'Inama y'Ubuyobozi hanyuma igafata icyemezo cy'agateganyo nyuma yo kumva umuryango urebwa n'ikibazo. Umuryango urebwa n'ikibazo ufite iminsi 15 yo kujuririra icyemezo cyawufatiwe ku Kanama Nkemurampaka. Inama y'Ubuyobozi imenyeshwa mu nyandiko ibirebana no kujuririra icyemezo cyafatiwe umuryango urebwa n'ikibazo. Igihe ubujurire budakozwe mu minsi 15 n'umuryango urebwa n'ikibazo, Inama y'Ubuyobozi igeza ku Nama Rusange icyemezo yafashe ngo igifateho umwanzuro. Icyemezo cy'Inama y'Ubuyobozi n'icyemezo cy'Akanama Nkemurampaka byemezwa na bibiri bya gatatu by'abanyamuryango bitabiriye inama y'Inteko Rusange. Ubunyamabanga bushyikiriza umuryango urebwa n'ikibazo ibaruwa iwumenyesha ihagarikwa cyangwa isezzerwa ryawo bitarenze iminsi 30.

to the conditions of the Statutes or internal regulations of the Legal Aid Forum, if the organisation has acted contrary to the vision, mission, aims and objectives of the Legal Aid Forum. The case will be examined by the Administrative Council and it will take a provisional decision after hearing the concerned member. The concerned member has 15 days to appeal against the decision to the conflict resolution committee. The Administrative Council will be informed in writing about the appeal against the decision by the concerned member. If the appeal is not made within 15 days by the concerned member, the Administrative Council will seize the General Assembly on the same for approval. Both the decision of the Administrative Council and that of the conflict resolution committee will require approval of two thirds of members present at the General Assembly meeting. A letter informing the suspension or expulsion will be sent by the Secretariat to the concerned organisation within 30 days.

les conditions des Statuts ou des règlements internes du Forum d'Aide Juridique; si l'organisation a agi contrairement à la vision, à la mission, aux buts et aux objectifs du Forum d'Aide Juridique. Le cas sera examiné par le Conseil d'Administration qui prendra une décision provisoire après avoir donné l'occasion de s'expliquer à l'organisation concernée. L'organisation concernée a 15 jours d'interjeter appel sur la décision prise au Comité de résolution des conflits. Le Conseil d'Administration sera informé par écrit au sujet d'interjection d'appel sur la décision prise pour l'organisation concernée. Si l'interjection d'appel n'est pas faite dans 15 jours par l'organisation concernée, le Conseil d'Administration saisira l'Assemblée Générale pour approuver sa décision. La décision du Comité d'Administration et celle du Comité de résolution des conflits des exigera l'approbation des deux tiers des membres présents à l'Assemblée Générale. Une lettre de suspension ou d'exclusion sera envoyée par le Secrétariat à l'organisation concernée dans un délai ne dépassant pas 30 jours.

Ingingo ya 9 – Uburenganzira bw'abanyamuryango

- Abanyamuryango bafite uburenganzira bwo kugira uruhare mu bikorwa byose by' Ihuri ry'Imiryango itanga Ubufasha mu

Article 9 – Rights of members

- Members have the right to participate in all activities of the Legal Aid Forum which may include but are not limited to information

Article 9 – Droits des membres

- Les membres ont droit de participer à toutes les activités du Forum d'Aide Juridique. Ces activités peuvent comprendre, mais sans y

Official Gazette n° 16 bis of 20 April 2015

by'amategeko. Muri ibyo bikorwa hashobora kubamo guhererekanya amakuru, gahunda z'amahugurwa Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'amategeko zihuriyeho n'ibikorwa by'ubuvugizi bihuriweho;

- Abanyamuryango bafite uburenganzira bwo gutora mu nama z'Inteko Rusange; buri muryango ugira ijwi rimwe;
- Abanyamuryango bafite uburenganzira bwo gutora no gutorwa ku nzego zose z'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko.

sharing, joint training programmes, joint advocacy initiatives;

- Members have the right to vote in the General Assembly meetings; one vote per member organisation;
- Members have the right to elect and be elected to any organs of the Legal Aid Forum.

être limitées, l'échange d'information, les programmes de formation conjointe et les initiatives conjointes de plaidoyer ;

- Les membres ont le droit de voter lors des réunions de l'Assemblée Générale ; une voix par organisation membre ;
- Les membres ont droit de voter et d'être élus à tous les niveaux des organes du Forum d'Aide Juridique.

Ingingo ya 10 – Inshingano z'abanyamuryango

- Abanyamuryango bagomba kubahiriza Amategeko shingiro n'amategeko yihariye y'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'amategeko no kugira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry'intego n'ibigamijwe n'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko;
- Abanyamuryango bagomba gufatanya n'abandi banyamuryango b'Ihuriro bagakora ubuvugizi bwo gukomeza guteza imbere serivisi z'ubufasha mu by'amategeko zinoze kandi zigera ku batishoboye;
- Abanyamuryango bagomba gutanga umusanzu.

Article 10 – Obligations of members

- Members shall respect the Statutes and internal regulations of the Legal Aid Forum and contribute to the implementation of the Legal Aid Forum aims and objectives;
- Members shall dedicate to collaborate with the other members of the Legal Aid Forum and advocate for the continued improvement of legal aid services that are of high quality and accessible to indigent population and vulnerable groups;
- Members shall pay their membership fees.

Article 10 – Obligation des membres

- Les membres doivent respecter les Statuts et les règlements internes du Forum d'Aide Juridique et contribuer à la réalisation des buts et objectifs du Forum d'Aide Juridique;
- Les membres s'engagent à collaborer avec les autres membres du Forum d'Aide Juridique et à plaider pour l'amélioration constante de services d'aide juridique de haute qualité et accessibles à la population indigente et aux groupes vulnérables;
- Les membres doivent payer leurs cotisations.

Umutwe wa III – Inzego z’Ihuriro ry’Imiryango itanga Ubufasha mu by’Amategeko

Inteko Rusange

Ingingo ya 11 –Imiterere

Inteko Rusange ni rwo rwego rukuru rw’Ihuriro ry’Imiryango itanga Ubufasha mu by’Amategeko. Igizwe n’abanyamuryango bose b’Ihuriro ry’Imiryango itanga Ubufasha mu by’Amategeko.

Ingingo ya 12 – Inama, imirimo n’inshingano by’Inteko rusange isanzwe

Inteko Rusange iterana nibura inshuro ebyiri mu mwaka.

Intego z’inama ni ugushyira mu bikorwa intego n’ibigamijwe n’Ihuriro ry’Imiryango itanga Ubufasha mu by’Amategeko, bityo hakumvikanwa kandi hakemezwa inyandiko zinonosoye z’imishinga na gahunda z’ibikorwa zijyanye nizo Inama y’Ubuyobozi yashyikirije Inteko Rusange.

Ibijya ku murongo w’ibygwa byemezwa n’Inama y’Ubuyobozi, maze gutangaza umunsi, isaha n’ahantu inama izabera bigakorwa hasigaye iminsi 10 ngo inama iterane. Perezida w’Inama y’Ubuyobozi niwe utumira Inteko Rusange.

Zimwe mu nshingano z’Inteko rusange, ariko si zo zonyine:

Chapter III – Organs of the Legal Aid Forum

The General Assembly

Article 11 – Composition

The General Assembly is the supreme organ of the Legal Aid Forum. It is formed of all members of the Legal Aid Forum.

Article 12 – Meetings, Functions and Duties of the Ordinary General Assembly

Meetings shall be held at least twice a year.

The aim of the meetings is to operationalise the aim and objectives of the Legal Aid Forum and subsequently agree and adopt detailed project documents and corresponding action plans submitted by the Administrative Council.

The agenda will be made by the Administrative Council and notice of the date, time and place of the meeting will be sent 10 calendar days prior to the meeting. The Chair person of the Administrative Council will convene the meeting.

Ordinary General Assembly duties and attributions shall include but are not limited to:

Chapitre III – Organes du Forum d’Aide Juridique

L’Assemblée Générale

Article 11 – Composition

L’Assemblée Générale est l’organe suprême du Forum d’Aide Juridique. Elle est composée de tous les membres du Forum d’Aide Juridique.

Article 12 – Réunions, Fonctions et Responsabilités de l’Assemblée Générale Ordinaire

Les réunions seront organisées au moins deux fois par an.

Le but des réunions sera de rendre les buts et objectifs du Forum d’Aide Juridique opérationnels et, par la suite, convenir et adopter des documents de projets détaillés et plans d’action correspondants soumis par le Conseil d’Administration.

L’ordre du jour sera établi par le Comité de Pilotage, et l’information sur la date, l’horaire et le lieu de la réunion sera envoyée 10 jours calendrier avant la tenue de la réunion. Le Président du Comité d’Administration convoque la réunion de l’Assemblée Générale.

Les responsabilités et attributions de l’Assemblée Générale Ordinaire doivent comprendre mais sans

Official Gazette n° 16 bis of 20 April 2015

y être limitées :

- | | | |
|--|---|--|
| <ul style="list-style-type: none"> - guhana amakuru no kungurana ibitekerezo ku mikorere inoze; - kwemerera, guhagarika cyangwa gusezerera abanyamuryango b'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko ibisabwe n'Inama y'Ubuyobozi cyangwa Akanama gashinzwe gukemura makimbirane; - gukuraho abagize Inama y'Ubuyobozi na Komite y'Abagenzuzi; - kwakira inkunga, impano n'irage; - kwemeza ikorehwa ry'umutungo w'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko; - gushyiraho komisiyo zihariye <i>z'igihe kigufi zidahoraho</i> iyo bibaye ngombwa; - guha Inama y'Ubuyobozi n'abayigize ubutumwa bwihariye bwo guhagararira Ihuriro igihe bibaye ngombwa; - kunonosora ibikorwa by'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko; - kuvugurura Amategeko shingiro y'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'amategeko igihe bibaye ngombwa; | <ul style="list-style-type: none"> - exchange of information and best practises; - Upon the proposal of the Administrative Council or the Conflict Resultion Committte admit, suspend or expulse any member of the Legal Aid Forum; - dismissal of the Administrave Council members and Internal Audit Committee members; - acceptance of grants, donations and legacies; - authorisation of the alienation of assets of the Legal Aid Forum; - creation of specialised <i>ad hoc</i> committees if necessary; - provision of mandates of representation where necessary to the Administrative Council and its members; - review of the operation of the Legal Aid Forum; - amendment, if necessary, to the Statutes of the Legal Aid Forum; | <ul style="list-style-type: none"> - l'échange d'informations et de bonnes pratiques; - Admttre, suspendre ou exclure des membres du Forum d'Aide Juridique sur proposition du Comité d'Administration ou du Comité de résolution des conflits ; - la révocation de membres du Comité d'Administration et les membres du Comité d'Audit Interne; - l'acceptation des subventions, dons et legs; - l'autorisation de toute aliénation du patrimoine du Forum d'Aide Juridique ; - la création de comités <i>ad hoc</i> spécialisés en cas de nécessité; - l'octroi de mandats de représentation au Conseil d'Administration et ses membres en cas de nécessité; - le passage en revue des activités du Forum d'Aide Juridique; - l'amendement, en cas de nécessité, des Statuts du Forum d'Aide Juridique; |
|--|---|--|

Official Gazette n° 16 bis of 20 April 2015

- kwemeza no guhindura amategeko ngengamikorere y'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'amategeko igihe bibaye ngombwa;
- gutanga ingingo zizigwaho mu nama itaha.

Uretse iyo mirimo n'izo nshingano, Inteko Rusange ya mbere y'umwaka, igomba guterana mu mezi atatu ya mbere y'umwaka, ifite inshingano zihariye zo:

- kwemeza raporo y'ibikorwa na raporo y'imari;
- kwemeza gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari y'umwaka;
- gutora abagize Komite y'Abagenzuzi;
- buri myaka ibiri: gutora abagize Inama y'Ubuyobozi no gushyiraho Abahagarariye Ihuriro imbere y'amategeko;
- buri myaka itatu: gutora abagize akanama gakemura amakimbirane k'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko.

Inama z'Inteko Rusange ziterana kandi zigafata ibyemezo bifite agaciro iyo zitabiriwe na kimwe cya kabiri wongeyeho rimwe by'abagize Ihuriro ry'Imiryango itanga ubufasha mu by'Amategeko. Imiryango igize Ihuriro ihagararirwa na Perezida/Abayihagarariye imbere y'amategeko/Umunyamabanga

- adoption and amendment, if necessary, to the internal regulations of the Legal Aid Forum;
- proposals for the agenda of the next meeting.

In addition to the above functions and duties, the first General Assembly meeting of the year to be held in the first three months of the calendar year has also for specific responsibilities to:

- approve the narrative and financial report;
- approve the action plan and budget for the year;
- elect Internal Audit Committee members;
- every two years elect the Administrative Council Members and appoint legal representatives of the Legal Aid Forum;
- every three years, elect the Conflict resolution committee members of the Legal Aid Forum.

The quorum of the ordinary General Assembly meetings is one half + one of the Legal Aid Forum members. Organisations shall be represented by their President / Legal Representative / Executive Secretary / Responsible for Legal Aid Programmes / Permanent Deputy duly representing the

- l'adoption et amendement, en cas de nécessité, des règlements internes du Forum d'Aide Juridique;
- la proposition de l'ordre du jour de la réunion suivante.

Outre les fonctions et responsabilités ci-dessus, la première Assemblée Générale de l'année, qui doit avoir lieu au cours du premier trimestre de l'année calendrier, est également spécifiquement chargée:

- d'approuver le rapport narratif et financier;
- d'approuver le plan d'action et le budget de l'année;
- d'élire les membres du Comité d'Audit Interne ;
- tous les deux ans : d'élire les membres du Conseil d'Administration et nommer les Représentants Légaux du Forum d'Aide Juridique;
- Tous les trois ans : élire les membres du Comité de résolution des conflits du Forum d'Aide Juridique.

Le quorum des réunions de l'Assemblée Générale Ordinaire est de la moitié des membres du Forum d'Aide Juridique + un. Les organisations sont représentées par leur Président / Représentant légal / Secrétaire Exécutif / Responsable des Programmes d'Aide Juridique / Adjoint Permanent dûment mandaté pour représenter

Nshingwabikorwa/Umukozi ushinzwe gahunda z'ubufasha mu by'amategeko/Umuvugizi uhoraho uhagarariye umuryango ku buryo buzwi.

l'organisation.

Iyo umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane utabonetse, inama yongera gutumizwa mu gihe kitarenze ibyumweru bibiri. Mu nama ya kabiri ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa 1/3 cy'abagize Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko.

In case of lack of quorum, the meeting shall be reconvened within 2 weeks. The quorum required for the meeting is one third of the Legal Aid Forum members.

En cas d'absence de quorum, la réunion est reconvoquée dans les deux semaines. Le quorum requis pour cette réunion est d'un tiers des membres du Forum d'Aide Juridique.

Ingingo ya 13 – Inama z'Inteko Rusange Idasanzwe

Inteko Rusange ishobora kandi guterana mu nama idasanzwe igihe cyose bibaye ngombwa: Inama itumizwa nk'uko ingingo ya 12 ibiteganyaye. Ariko iyo habayeho kutumvikana, ishobora gutumizwa:

- Bisabwe na 1/3 cy'abagize Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko; cyangwa
- Bisabwe na 2/3 by'abagize Inama y'Ubuyobozi.

Umubare wa ngombwa kugira ngo Inteko Rusange iterane ni 1/2 cy'abagize Ihuriro hiyongereyeho ijwi rimwe. Imiryango ihagararirwa nko mu nama

Article 13 – Extraordinary General Assembly meetings

The General Assembly may also meet in extraordinary session when it is necessary. The Meeting shall be convened as per article 12 above. However, in case of disagreement, the meeting shall be convened:

- On the request of one third of the members of the Legal Aid Forum; or
- On the request of two thirds of the members of the Administrative Council.

The quorum of the extraordinary General Assembly meeting is one half + one of the members of the Legal Aid Forum. Organisations

Article 13 – Réunions de l'Assemblée Générale Extraordinaire

L'Assemblée Générale peut se réunir en session extraordinaire lorsque cela s'avère nécessaire : La réunion est convoquée conformément à l'article 12. Cependant, en cas de désaccord, elle peut être convoquée :

- sur demande d'un tiers des membres du Forum d'Aide Juridique, ou ;
- sur demande des deux tiers des membres du Conseil d'Administration.

Le quorum de la réunion de l'Assemblée Générale Extraordinaire est de la moitié des membres du Forum d'Aide Juridique + un. Les organisations

Official Gazette n° 16 bis of 20 April 2015

z'Inteko Rusange Isanzwe.

shall be represented as for the ordinary General Assembly meeting.

sont représentées comme dans la réunion de l'Assemblée Générale Ordinaire.

Iyo umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane utabonetse, inama yongera gutumizwa mu gihe kitarenze ibyumweru bibiri. Mu nama ya kabiri, umubare wa ngombwa 1/3 cy'abagize Ihuriro ry'Imiryango itanga ubufasha mu by'amategeko.

In case of lack of quorum, the meeting shall be reconvened within 1 week. The quorum required for the meeting is one third of the Legal Aid Forum members.

En cas d'absence de quorum, la réunion est reconvoquée dans les deux semaines. Le quorum requis pour cette réunion est d'un tiers des membres du Forum d'Aide Juridique.

Ingingo ya 14 – Uko ibyemezo bifatwa

Article 14 – Decision making procedure

Article 14 – Procédure de prise de décision

Ibyemezo muri buri nama rusange bifatwa ku bwumvikane, igihe abanyamuryango batumvikanye bigafatwa hakoreshejwe amatora.

Resolutions at any General Assembly meeting are made by consensus, in case members do not agree, the decision shall be taken by vote.

Les décisions dans chaque réunion de l'Assemblée Générale sont prises par consensus, en cas de désaccord, les décisions sont prises par vote.

Usibye aho Amategeko shingiro y'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko abiteganyanya ukundi, imyanzuro ifatwa ku bwiganze busanzwe bw'abanyamuryango bitabiye inama z'Inteko Rusange.

Except where stated otherwise in the Statutes of the Legal Aid Forum, resolutions are adopted at the simple majority of members present at General Assembly meetings.

Sauf mention contraire dans les Statuts du Forum d'Aide Juridique, les résolutions sont adoptées à la simple majorité des membres présents au cours des réunions de l'Assemblée Générale.

Iyo amajwi angana, ijwi ry'uyoboze inama rishobora gukemura impaka.

In the event of a tied vote, the presiding member may use a casting vote.

En cas d'égalité des voix, le membre qui assure la présidence peut avoir voix prépondérante.

Inama y'Ubuyobozi

Administrative Council

Conseil d'Administration

Ingingo ya 15 – Inshingano

Article 15 – Mandate

Article 15 – Mandat

Inama y'Ubuyobozi ishinzwe imiyoborere n'imicungire y'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko.

The Administrative Council ensures the leadership and oversight management of the Legal Aid Forum.

Le Conseil d'Administration assure la direction et la gestion de la surveillance du Forum d'Aide Juridique.

Ingingo ya 16 – Abayigize

Article 16 – Composition

Article 16 – Composition

Inama y'Ubuyobozi igizwe n'abanyamuryango icyenda, bahagarariye abanyamuryango b'Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'Amategeko.

The Administrative Council is composed of nine members, representing members of the Legal Aid Forum.

Le Conseil d'Administration est composé de neuf membres, représentant les membres du Forum d'Aide Juridique.

Ingingo ya 17 –Kwemererwa gutorwa n'igihe manda imara

Article 17 – Eligibility and length of term

Article 17 – Eligibilité et durée du mandat

Buri munyamuryango mu bagize Ihuriro ry'Imiryango itanga Ubufasha mu by'amategeko yemerewe gutorerwa kujya mu bagize Inama y'Ubuyobozi, ariko impuzamashyirahamwe n'umuryango wayo ntibishobora kuba muri Komite Nyobozi icyarimwe.

Any member of the Legal Aid Forum may be elected a member of the Administrative Council provided that an umbrella organisation and a member organisation of this umbrella do not serve during the same term as members of the Administrative Council.

Tout membre du Forum d'Aide Juridique peut être élu membre du Conseil d'Administration sous réserve qu'un collectif et une organisation membre dudit collectif ne soient pas membres du Conseil d'Administration lors d'un même mandat.

Abagize Inama y'Ubuyobozi batorerwa imyaka ibiri, mu buryo bukurikira:

Members of the Administrative Council shall serve for a term of two years, according to the following periodicity:

Les membres du Conseil d'Administration exercent un mandat de deux années, selon la périodicité suivante:

Official Gazette n° 16 bis of 20 April 2015

- | | | |
|--|--|---|
Umuyobozi w'inama yakomeje asaba abanyamuryango basanzwe kwakira abanyamuryango bashya nk'uko mu nteko rusange yubushize yari yabemeje. Yasabye abanyamuryango bashya guhaguruka tukabakirana amashyi nimpundu ko Capacitar yishimiye kubakira ko bamaze kuba abasangwa mu muryango wabo kandi wacu twese. Icyo gikorwa cyagenze neza abanyamuryango basanzwe bakira, VP abasaba kubwa neza ko baje bisanga. Yakomeje asaba abanyamuryango bose ko twakomereza ku ngingo ikurikira yo kurebura hamwe icyateza umuryango imbere cyane ko twungutse amaboko n'amaraso mashya mu mmuryango kandi ko igitekerezo cya buri wese ari ingenzi.

Ingingo ya 3: Guhana ibitekerezo ku cyateza umuryango wa Capacitar imbere

Umuzabikorwa wa Capacitar yabwiye abanyamuryango ibya audit iherutse gukorwa na Trocaire ku bijyanye na 18 minimum requirement.

Umwe mu banyamuryango ukurikiranira hafi igikorwa cyo kwibarura muri RGB, yagejeje amakuru ku banyamuryango aho ubu bigeze, abanyamuryango basanze ari igikorwa gikwiye kwihutishwa kuko nabaterankunga bacu babisaba cyane cyane Trocaire ko ivuga ko nyuma y'amezi 6 bazaza kureba ko

habonetse uburenganzira bwo gukora nk'umuryango utegamiye kuri leta nkuko bisabwa n'itegeko rishya rigenga imikorere y'imiryango itegamiye kuri Leta.

Ingingo ya 4: Gutora inzego nshya zihagararira umuryango Capacitar

Igikorwa cy'amatora cyari gihagarariwe n'abantu 3. Muri abo 3 bitoyemo uhagarariye amatora ariwe perezida, abandi havamo visi perezida numunyamabanga. Uwari uhagarariye igikorwa cy'amatora ni Mugwaneza Theodosie, umwungirije akaba Sr Antoinette Gasibirege, umwanditsi cg umunyamabanga akaba Cyubahiro Roger.

Umuyobozi w'amatora yasabye inteko rusange ko amatora yaba mu bwisanzure kandi hakoreshejwe inyandiko. Visi perezida n'umunyamabanga bafashije mu ibaruramajwi.

Igikorwa cy'amatora cyabanjirijwe n'igikorwa cyo kwiyamamaza kw'abakandida kuri buri mwanya, umuntu utatowe ku mwanya umwe ashobora kwiyamamariza undi mwanya. Kwiyamamaza cg kwamamaza byose byari byemewe.

Ku mwanya wa perezida habonetse abakandida 2 aribo , Ingabire Eugenie na Consessa Mukamusoni. Buri mwanya wamaraga gutorerwa habarurwaga amajwi mbere yo kujya kuwundi kugirango utatorewe umwanya umwe ahabwe amahirwe yo kwiyamamariza undi mwanya.

Ku mwanya wa Perezida, umukandida Ingabire Eugeni yatowe ku bwiganze bw'amajwi 8 ku bantu 13 batoye

Consessa Mukamusoni yatowe ku majwi 5 kuri 13.

Ku mwanya wa perezida **Ingabire Eugenie** niwe wegukanye insinzi.

Hakurikiyeho kwiyamamaza no kwamamaza ku mwanya wa visi perezida.

Consessa Mukamusoni na bagenzi be Joseph Gumuyire na Lidivine Mukantagara nibo bari abakandida kuri uwo mwanya.

Consessa Mukamusoni niwe wegukanye insinzi ku mwanya wa visi perezida ku bwiganze bw'amajwi 6, naho Jeseeph yagize amajwi 4 na Lidivine Mukantagara wagize 3.

Ku mwanya w'umunyamabanga hiyamamaje Henriette Mukanyonga na mugenzi we sr Vestine Mukarugwiza.

Henriette yatowe ku bwiganze bw'amajwi 7, naho **Sr Vestine** agira amajwi 6

Ku mwanya w'umubitsi hari abakandida 2 aribo Diane Mukasahaha na J. Bosco Ruhamyandekwe.

DianneM. Yatowe ku bwiganze bw'amajwi 7, naho **Ruhamyandekwe** yagize amajwi 6, Dianne niwe watsindiye kuba umubitsi wa Capacitar Rwanda.

Imyanya ikurikiyeho inteko rusange yifuje ko abakandida bakwiyamamariza rimwe tukabatorera rimwe tudatoye umwe umwe. Abatora basabwe kwandika abantu bose uko yifuje kubatora agashyiraho umurimo abona ubereye uwo atoye. Hari imyanya ikurikira,

Gutora abagize komite ikemura amakimbirane n'abagenzuzi. Inteko yemeje ko ugira amajwi menshi ariwe uba umuyobozi wa komite.

Kuri iyo myanya hatowe aba bakurikira :

komite ikemura amakimbirane **Joseph Gumuyire** watowe ku bwiganze bw'amajwi 5 yanganije na **Rafiki Ubaldo** wahoze ari Visi Perezida muri komite icyuye igihe abanyamuryango bamwamamaje nkumuntu waba hafi umuryango nubwo we yasabaga ikiruhuko bitavuga ko ari kure y'umuryango ko azaguma kuba umujyanama wa hafi. Rafiki yasabye ko Gumuyire yaba perezida nawe akamwungiriza ko yumva bazarushaho kuzuzanya.

Lydivine Mukantagara wagize amajwi 3 niwe munyamabanga wa komite ikemura amakimbirane.

Hakurikiyeho gutora abagenzuzi batowe mu buryo bukurikira,

Ruhamyandekwe J. Bosco niwe wegukanye insinzi yo kuyobora komite ngenzuzi, akaba yatowe ku bwiganze bw'amajwi 6, umukurikira ari nawe umwungirije akaba **Sr Vestine** watowe ku majwi 4 na mugenzi wabo **Harerimana J.Damascene** watowe ku majwi 3 ariwe wagizwe umunyamabanga w'iyi komite ngenzuzi.

Igikorwa cy'amatora cyarangiyeye 6h30.

Nyuma y'amatora hashimwe igikorwa cy'amatora uko cyagenze perezida w'amatora asubiza ijambo visi perezida ucyuye igihe kugirango ageze ijambo rye ku nteko rusange.

Visi perezida wayoboye inama mu ijambo rye yashimiye cyane abanyamuryango ba capacita mu gihe cy'imyaka 3 yayoboye umuryango ko bakoranye neza akaba acyuye igihe kandi yishimiye ko azaguma kuba hafi umuryango kuko awukunda. Yishimiye kandi ikizere abanyamuryango bamugaragariye bamusaba kuba umwe mu bashobora gukemura amakimbirane nubwo we yumva atifuza ko byazabaho ariko ko mu gihe byabaye azatanga inkunga ye uko abishoboye. Mu gusoza ijambo rye yishimiye cyane perezida mushya watowe, avuga ko amusigiyeye inkoni y'ubutware amubwira ko kandi bakiri kumwe icyo azifuza kumubaza cg kumusaba ko amufasha atagiye kure y'umuryango ahubwo agihari kuwubaka nkuko yabiyemeje. yahaye ijambo umuyobozi mushya ariwe perezida Ingabire Eugenie.

Mu ijambo rya Ingabire Eugenie nkumuyobozi mushya yashimiye mbere na mbere comite icyuye igihe uburyo yafashije capacitar kugera kuri byinshi kugeza ubu. Yashimiye kandi abanyamuryango bamugiriyeye ikizere bakamutora akaba abizeza rwose ko azayoborana ubushishozi nubwitange. Yavuze kandi ko yifuza kuzagerakugera ikirenge mu cyabo kandi ko yumva azanarushaho gukurikiranira hafi iby'umuryango Capacitar. Yasabye abanyamuryango ko hakomeza kugira ubufatanye kugirango tuzamure umuryango wacu. Kuzana amaraso mashya arumva ari ingenzi yagize ati “ **Amaraso mashya tuzanye aye ayo kubaka no kusa ikivi bagenzi bacu basize.umwanya wacu dufite tuwushyiremo imbaraga kandi duhuye dutange ibitekerezo byubaka ndetse n' igihe cyose twaba twahuye cg tutahuye tudategereje igihe cyameze 3 dushobora guhana ibiterezo cyane cyane ibyubaka umuryango dukoresheje ikoranabuhanga nka internet, telephone nibindi byadufasha guhora dushakisha icyateza imbere umuryango wacu.** ”

Yasoje ijambo rye ashimangira ubufanye nubwitange kuko igikorwa dutangiye kidusaba gukora cyane kugira ngo twubake umuryango wacu. Yasabye buri wese kumva ko kubaka umuryango no kuwutekerereza ari inshingano ye ko dukwiye gutahiriza umugozi umwe.

Yamenyesheje komite ko yifuza ko bazahura vuba bagatangira imirimo biyemeje ariko ko igihe cyo guhura azakibamenyeha mu gihe kiri imbere. Yasoje inama asezerera abanyamuryango abifuriza amahoro y'Imana. Inama yasoje imirimo yayo 17h00.

Abitabiriye inama:

NAMES	INSTUTIONS	ID/PASSPORT
1. Rafiki Ubaldo	Templesofmemoly	97522726-96202286210
2. Sr Antoinette Gasibirege	Capacitar-Rwanda	119507000565102
3. Sr Vestine Mukarugwiza	Teacher	119817004356059
4. Ingabire Eugenie	RRP+	1196870003741096
5. Lidivine Mukantagara	Commercente	1196270001308047
6. J. Bosco Ruhamyandekwe	Private	1196180002978073
7. Harerimana J. Damascene	Capacitar	1198280193720060
8. Joseph Gumuyire	RRP+	1196680006210160
9. Concessa Mukamusoni	Society for family Health	1196270001388051
10. Dianne Mukasahaha	RPCHO	1197970123268001
11. Mugwaneza Theodosie	Capacitar	PC 126250
12. Henriette Mukanyonga	We Actx for Hope	1197470008036086
13. Cyubahiro Roger	Capacitar	1198880016586138
14. Tabitha Mukarugwiza	Centre de la Petite Enfance	PC 095007
15. Aurea Kayiganwa	Barreau du Rwanda	1196570005934128

Umwanditsi w'inama, Sr Vestine Mukarugwiza (sé)

Umuyobozi w'inama, Rafiki Ubaldo (sé)

Ex Visi Perezida

Kigali, 10 April 2014

COMMITMENT OF REPRESENTATION

I, Concessa MUKAMUSONI hereby accept to assume the position of Vice-President of the Capacitar-Rwanda and formally commit myself to carrying out all duties associated with the position.

Sincerely

Consessa MUKAMUSONI

(sé)

Kigali, 10 April 2014

COMMITMENT OF REPRESENTATION

I, Eugenie INGABIRE hereby accept to assume the position of President of the Capacitar-Rwanda and formally commit myself to carrying out all duties associated with the position.

Sincerely

Eugenie INGABIRE

(sé)

CONGREGATION DES PERES ROGATIONNISTES DU CŒUR DE JESU AU RWANDA
B.P 15 NYANZA

**AMATEGEKO SHINGIRO AGENGA
UMURYANGO USHINGIYE KU IDINI
WITWA « CONGREGATION DES PERES
ROGATIONNISTES DU CŒUR DE JESUS AU
RWANDA »**

**STATUTES OF THE RELIGIOUS-BASED
ORGANIZATION, NAMED
« CONGREGATION DES PERES
ROGATIONNISTES DU CŒUR DE JESUS AU
RWANDA »**

**STATUTS DE L'ORGANISATION FONDEE
SUR LA RELIGION DENOMMEE
« CONGREGATION DES PERES
ROGATIONNISTES DU CŒUR DE JESUS AU
RWANDA »**

IRIBURIRO

INTRODUCTION

PREAMBULE

Hashingiwe ku Itegeko n° 06/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiyeye ku idini cyane cyane ku ngingo zaryo, iya 1, 17 n'ya 41;

Pursuant to Law n° 06/2012 of 17th/02/2012 relating to the organization and functioning of the Religious-based Organizations according the articles 1, 17 and 41;

Vu la loi n° 06/2012 du 17/02/2012 portant organisation et fonctionnement des organisations fondées sur la religion notamment les articles 1^{er}, 17 et 41 ;

Hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri n° 126/07 ryo kuwa 04/03/1982 riha ubuzimagatozi umuryango udaharanira inyungu « Congrégation des Pères Rogationnistes du Cœur de Jésus au Rwanda »

Pursuant to Ministerial Order n° 126 of 04/03/1982 granting legal personality to the Non Profit Association named « Congrégation des Pères Rogationnistes du Cœur de Jésus au Rwanda »

Vu l'arrêté Ministériel n° 126 du 04/03/1982 accordant la personnalité juridique à l'Association sans but lucratif « Congrégation des Pères Rogationnistes du Cœur de Jésus au Rwanda »

Hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri n° 93/11 ryo kuwa 10 Gicurasi 2006, ryemera ivugurura ry'amategekoshingiro y'uwo muryango;

Pursuant to ministerial Order n° 93/11 of 10 may 2006 granting the agreement of the modifications of the Statutes of the same Organization;

Vu le Décret Ministériel n° 93/11 du 10 Mai 2006 approuvant les modifications apportées aux Statuts de la même Organisation ;

Inteko Rusange idasanzwe y'Umuryango ushingiyeye ku idini "Umuryango w'Abapadiri b'Abarogasiyonisti b'Umutima wa Yezu mu Rwanda";

The General Assembly of the religious-based Organization called "Congregation of the Rogationist Fathers of the Heart of Jesus in Rwanda",

L'Assemblée Générale extraordinaire de l'Organisation fondée sur la religion dénommée « Congrégation des Pères Rogationnistes du Cœur de Jésus au Rwanda » ;

iteraniye mu Karere ka Nyanza ku wa 21 Werurwe 2013

Gathered at Nyanza District on 21 March 2013

Réunie au District de Nyanza, le 21 Mars 2013

Yemeje ivugurura ry' amategekoshingiro yawo ku buryo bukurikira:

adopts the modifications brought to the Statutes of the so-called Organization, as follows:

adopte les modifications apportées aux Statuts de la dite Organisation comme suit :

UMUTWE WA MBERE: IZINA N'IGIHE

CHAPTER ONE: NAME AND DURATION

CHAPITRE PREMIER: DENOMINATION ET DUREE

Ingingo ya mbere: Izina ry'Umuryango

Article One: Name

Article premier: Dénomination

Umuryango ushingiyeye ku idini witwaga «CONGREGATION DES PERES ROGATIONNISTES DU COEUR DE JESUS AU RWANDA» usimbuye umuryango udaharaniraga inyugu ufite izina bisa kandi wahawe ubuzimagatozi n'Iteka rya Minisitiri n° 126/07 ryo kuwa 04/03/1982.

The Organization based on Religion, called « CONGREGATION DES PERES ROGATIONNISTES DU COEUR DE JESUS AU RWANDA » replaces the Non-Profit Association of the same name, endowed with the legal personality according to the Ministerial Decree n° 126/07 of the 04/03/1982.

L'Organisation fondée sur la Religion, dénommée «CONGREGATION DES PERES ROGATIONNISTES DU COEUR DE JESUS AU RWANDA» remplace l'Association sans but lucratif portant la même dénomination, dotée de personnalité civile selon l'Arrêté Ministériel n° 126/07 du 04/03/1982.

Uyu muryango ugendera ku Iteka n° 06/2012 ryo kuwa 17/02/2012 ryatangajwe mu Igazeti ya Leta n° 15 yo kuwa 09/04/2012.

It complies with the standards laid down by the Law n° 06/2012, published in the Official Gazette n° 15 of 09/04/2012.

Elle se conforme aux normes édictées par la Loi n° 06/2012 du 17/02/2012, publiée au Journal Officiel n° 15 du 09/04/2012.

Ingingo ya 2: Igihe uzamara

Article 2: Duration

Article 2: Durée

Igihe umuryango uzamara ntikigenwe.

The organization is established for indefinite period.

L'Organisation est constituée pour une durée indéterminée.

UMUTWE WA KABIRI : INTEGO Z'UMURYANGO, AHO UKORERA, ABAGENERWABIKORWA N'ICYICARO

CHAPTER II : MISSION, AREA OF ACTIVITIES, BENEFICIARIES, THE HEAD OFFICE AND ADDRESS

CHAPITRE II : MISSION, ZONE D'OPERATION, BENEFICIAIRES, SIEGE SOCIAL ET ADRESSE

Ingingo ya 3: Intego

Article 3: Mission

Article 3: Mission

Umuryango « Congrégation des Pères Rogationnistes du Coeur de Jésus au Rwanda » ufite intego zikurikira :

The mission of the Organization « Congrégation des Pères Rogationnistes du Coeur de Jésus au Rwanda » is:

L'Organisation « Congrégation des Pères Rogationnistes du Coeur de Jésus au Rwanda » a pour mission de :

1° Kwita ku bikorwa bifasha ubuzima bwa roho z'abantu no kwigisha Inkuru Nziza ya Yezu Kristu binyuze mu maparuwasi n'ibindi bikorwa bya Kiliziya Gatolika mu Rwanda ;

1° To Promote activities of spiritual renewal, to spread the Good News of Jesus Christ, through the parishes and others activities of the Catholic Church in Rwanda;

1° Promouvoir des activités de ressourcement spirituel, à travers la prédication de la Bonne Nouvelle de Jésus Christ, l'engagement dans les Paroisses et dans d'autres œuvres apostoliques de

2° Gushinga no gushyigikira ibikorwa by'uburezi, ibigo by'amashuri, kwigisha imyuga, guteza imbere imibereho y'abantu by'umwihariko abamerewe nabi cyane cyane abana n'urubyiruko, ndetse n'ibindi bikorwa byose byitangira abantu.

Ingingo ya 4 : Aho Umuryango ukorera

Umuryango ukorera ibikorwa byawo hose mu gihugu cya Repubulika y'u Rwanda.

Ingingo ya 5 : Abagenerwabikorwa

Ibikorwa by'Umuryango bigenewe gufasha umuntu wese utuye mu gihugu cy'u Rwanda ubikeneye kandi ufasha kuzuzanya neza inshingano umuryango wihaye, hatitawe ku gitsina, aho akomoka no ku idini.

Ingingo ya 6: icyicaro

Icyicaro cy'Umuryango kiri mu karere ka Nyanza, Umurenge wa Busasamana, Akagari ka Nyanza umudugudu wa Gatsinsino, Intara y'Amajyepfo. B.P 15 Nyanza.

Icyo cyicaro gishobora kwimurirwa mu kandi karere ka Republika y'u Rwanda byemejwe n'inteko rusange idasanzwe, ku bwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango bari mu nama.

UMUTWE WA GATATU : GUHABWA NO GUTAKAZA UBUNYAMURYANGO

Ingingo ya 7 : Guhabwa kuba umunyamuryango

Umuntu wese amategekako ya Kiliziya Gatolika y'i Roma yemererwa kuba Uwihayimana mu muryango mpuzamahanga « Congrégation des Pères Rogationnistes du cœur de Jésus au Rwanda »

2° To create and to manage projects of education, schools, professional training, socio-economic development, in favour of vulnerable persons especially the children and youth and other philanthropic activity.

Article 4 : area of activities

The Organization exercises its activities throughout the territory of the Republic of Rwanda.

Article 5 : Beneficiaries

The activities of the Organization are open to anyone who is in need regardless sex, origin, religion, social status, and eager to contribute positively to the mission of the Organization.

Article 6 : The Head office and address

The head office of the Organization is based at Nyanza District, Busasamana Sector, Nyanza Cell, Umudugudu Gatsinsino, Southern Province, B.P 15 Nyanza.

However, the head office can be transferred to another place of the Republic of Rwanda by decision made in Extraordinary General Assembly by a majority of two-third of the members present.

CHAPTER III : ACQUISITION AND LOSS OF MEMBERSHIP STATUS

Article 7 : Acquisition of membership

The membership of the Organization « Congrégation des Pères Rogationnistes du cœur de Jésus au Rwanda » is extended to any person recognised by the Canon law of the Roman

l'Eglise Catholique au Rwanda ;

2° Réaliser et gérer des projets d'éducation, des écoles, la formation professionnelle, des œuvres de promotion socio-économique en faveur des personnes vulnérables surtout les enfants et les jeunes, et toute autre activité philanthropique.

Article 4 : Zone d'intervention

L'Organisation exerce ses activités sur toute l'étendue du territoire de la République du Rwanda.

Article 5 : Bénéficiaires

Les activités de l'Organisation sont offertes à toute personne sans distinction de sexe, d'origine, de religion, de statut social et désireuse de contribuer positivement à la mission de l'organisation.

Article 6 : Siège et adresse

Le siège social de l'Organisation est fixé dans le District de Nyanza, Secteur Busasamana, Cellule Nyanza, Umudugudu Gatsinsino, Province du Sud, B.P 15 Nyanza.

Ce siège peut être transféré en un autre endroit de la République du Rwanda par décision prise en Assemblée Générale Extraordinaire, à la majorité des deux tiers des membres présents.

CHAPITRE III : ACQUISITION ET PERTE DE QUALITE DE MEMBRE

Article 7 : Acquisition de la qualité de membre

Peuvent devenir membres de l'Organisation « Congrégation des Pères Rogationnistes du cœur de Jésus au Rwanda » toute personne reconnue par le droit Canon de l'Eglise catholique romaine

Official Gazette n° 16 bis of 20 April 2015

gukora amasezerano yo kwiye gurira Imana, ashobora kuba umuyoboke w'Umuryango w'abapadiri b'abarogasiyonisti, igihe aba mu Rwanda.

Catholic Church as "Religious" in the International Congregation of the Rogationist Fathers, living in the territory of Rwanda.

comme « Religieux » dans la Congrégation Internationale des Pères Rogationnistes du Coeur de Jésus, vivant sur le territoire du Rwanda.

Guhabwa kuba umunyamuryango byemezwa n'inteko Rusange ku bwiganze bw'amajwi y'abaje mu nama; Uhagarariye Umuryango niwe umenyeshya Inteko Rusange abasabye mu nyandiko ko bifuzwa kuba abanyamuryango, nyuma y'igihe cyateganijwe baba bamaze mu mahugurwa ku muryango.

Membership is granted by decision of the General Assembly by a simple majority of votes, on presentation of candidate's letters by the legal Representative, after a determined period of formation in the organization.

La qualité de membre est accordée par décision de l'Assemblée Générale, à la majorité simple des voix, sur présentation des candidatures faite par le Représentant Légal sur demande écrite de l'intéressé, après une période donnée de formation.

Ingingo ya 8: Abanyamuryango n'umubare wabo

Article 8: Members and their number

Article 8: Membres et leur nombre

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango shingiro bashyize umukono kuri aya mategeko n'abandi bose bazemererwa kuba abanyamuryango kandi bakemera gukurikiza aya mategeko kimwe n'andi mategeko yihariye y'Umuryango.

The Organization is composed of effective members signatories of the present statutes and other persons who will be allowed to adhere and accept to observe these articles and the rules proper of the Congregation.

L'Organisation comprend les membres effectifs, signataires des présents statuts et tous ceux qui seront autorisés d'y adhérer et accepteront d'observer ces statuts ainsi que les règles propres de la Congrégation.

Umubare w'abanyamuryango ntugenwe, ariko ntugomba kuba mu nsi ya batatu.

The number of members is unlimited in principle; but it can never be less than three.

Le nombre des membres est en principe illimité ; toutefois il ne peut jamais être inférieur à trois.

Ingingo ya 9: Gutakaza kuba umunyamuryango

Article 9 : Loss of membership

Article 9 : Perte de la qualité de membre

Umunyamuryango ashobora gutakaza kuba we kubera impamvu zikurikira :

Loss of membership can be declared in case of :

Une personne peut perdre sa qualité de membre dans les cas suivants :

- 1° urupfu ;
- 2° kuva mu muryango ku bushake ;

- 1° death ;
- 2° voluntary withdrawal from the organization with a letter to a competent organ ;
- 3° exclusion for violation of the present statutes and internal regulation of the Organization by the voice of two thirds majority of the members present in the General Assembly.

- 1° le décès ;
- 2° le retrait volontaire à travers une lettre écrite adressée à l'organe compétent de l'organisation ;
- 3° l'exclusion de l'Assemblée Générale à majorité des deux tiers des voix des membres présents pour violation des présents statuts et du Règlement intérieur de l'Organisation.

- 3° gusezererwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi y'abateraniye mu nama igihe atubahirije nkana aya mategeko cyangwa andi mategeko ngengamikorere y'Umuryango.

**UMUTWE WA KANE : INZEGO
Z'UBUYOBOZI, UBUBASHA
N'INSHINGANO**

Ingingo ya 10 : Inzego

Umuryango « Congrégation des Pères
Rogationnistes du Cœur de Jésus au Rwanda »
ugizwe n'izi nzego z'ubuyobozi :

- 1° Inteko Rusange ;
- 2° Inama Nyobozi;
- 3° Komisiyo y'icungamutungo;
- 4° Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane ;

Ingingo ya 11 : Inteko Rusange

Inteko Rusange nirwo rwego rukuru
rw'umuryango. Igizwe n'abanyamuryango bose.
Ifite inshingano zikurikira:

- 1° Kwemeza no kuvugurura amategeko shingiro
n'amategeko ngengamikorere;
- 2° Gushyiraho no gukuraho Abahagarariye
umuryango, abagize Inama y'Ubuyobozi, abagize
akanama ncungamutungo n'abagize akanama
nkemuramakimbirane;
- 3° Kugena ibikorwa by'umuryango cyane cyane
gushyiraho igenamigambi na gahunda y'ibikorwa
bya buri mwaka;
- 4° Gutegura ingengo y'imari no kwemeza imiterere
ya konti ya buri mwaka;
- 5° Kwakira impano n'ibiragano;
- 6° Kwakira no gusezerera abanyamuryango

**CHAPTER IV : STRUCTURE, ORGANS AND
DUTIES**

Article 10 : Organisational structure

The Organization “Congrégation des Pères
Rogationnistes au Rwanda” has the following
organs :

- 1° General Assembly;
- 2° Board of Directors;
- 3° Finance Commission;
- 4° Organ of conflict resolution.

Article 11: General Assembly

The General Assembly is the supreme organ of the
organization. It is composed of all members.
It has the following responsibilities:

- 1° Adopt and amend the Statutes and rules of the
internal regulations;
- 2° Elect and dismiss the Legal Representatives,
members of the Board of Directors, and members
of the financial Committee and members of the
Organ for conflict resolution;
- 3° Define and direct the activities of the
Organization, especially the strategic plan and the
annual plan of action;
- 4° Establish budgetary plans and approve the
annual accounts;
- 5° Acceptance of donations and legacies;
- 6° Accept and expel members

**CHAPITRE IV : STRUCTURE, ORGANES ET
ATTRIBUTIONS**

Article 10 : Structure

L'Organisation « Congrégation des Pères
Rogationnistes du Cœur de Jésus au Rwanda » a les
structures suivantes :

- 1° L'Assemblée Générale ;
- 2° Le Conseil d'Administration ;
- 3° La Commission financière ;
- 4° L'Organe de résolution des conflits.

Article 11: Assemblée Générale

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de
l'Organisation. Elle se compose de tous les
membres. Elle exerce les attributions suivantes :

- 1° Adopter et modifier les statuts et le règlement
intérieur ;
- 2° Elire et révoquer les Représentants Légeaux, les
membres du Conseil d'Administration, les
membres de la Commission financière ainsi que
ceux de l'organe de résolution de conflits ;
- 3° Déterminer et orienter les activités de
l'Organisation, spécialement le plan stratégique et
le plan d'action annuel ;
- 4° Etablir des prévisions budgétaires et approbation
des comptes annuels ;
- 5° Acceptation des dons et legs ;
- 6° Accepter et exclure les membres ;

7° Gusesa umuryango.

Ingingo ya 12: Inteko Rusange isanzwe

Inteko Rusange iterana mu nama isanzwe nibura kabiri (2) mu mwaka kugira ngo irebe niba inshingano umuryango wihaye zikurikizwa hitaweho amategeko ya Kiliziya Gatolika kandi hanakurikizwa amategeko y'u Rwanda.

Itumizwa mu nyandiko n'uhagarariye umuryango imbere y'amategeko akaba ari na we uyiyobora. Iyo adahari cyangwa atabishoboye, inama itumizwa n'umusimbura kandi akayiyobora. Iyo bombi badahari, inama itumizwa n'umuyobozi w'akanama nkemura-makimbirane.

Urwandiko rutumira rwoherezwa iminsi cumi n'itanu (15) mbere y'inama rukaba rugaragaza ingingo zizigwaho.

Inteko Rusange isanzwe ifata ibyemezo gusa iyo bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango bahari. Iyo umubare utuzuye, Inteko Rusange itumizwa bundi bushya nk'uko biteganijwe muri iyi ngingo ya cumi na kabiri (12), mu gika cya mbere (1), mu gihe cy'iminsi icumi (10). icyo gihe, ibyemezo bifatwa ku bwiganze busanzwe bw'amajwi y'abanyamuryango baje muri iyo nama.

Iyo nama yiga gusa ku ngingo zari ziteganijwe mu nama ya mbere itarabaye.

7° Dissolute the organization.

Article 12: Ordinary General Assembly

The Ordinary General Assembly is held at least twice (2) a year in order to verify if its goals comply with the guidelines of the Catholic Church and the laws in force in the host country.

It is convened in writing and chaired by the Legal Representative. In case of his absence or incapacity, the meeting is convened in writing and chaired by the Deputy Legal Representative. In case of the absence of the Legal Representative and the Deputy Legal Representative, the General Assembly shall be convened by the President of the conflicts resolution organ.

The convocation letter must be sent fifteen days (15) before the ordinary meeting. It shall indicate items on the agenda.

The Ordinary General Assembly shall take resolution if two thirds (2/3) of its members are present. If the quorum is not reached, the General Assembly has to be reconvened in the manner prescribed in Paragraph One (1) of this Article, within ten (10) days time. During this second Assembly, resolutions shall be taken on the simple majority of the members present.

The meeting convened on the second time shall only deal with items on the agenda of the cancelled first meeting.

7° Dissoudre l'Organisation.

Article 12: Assemblée Générale Ordinaire

L'Assemblée Générale ordinaire se réunit au moins deux fois (2) par an pour examiner si ses objectifs sont poursuivis conformément aux directives de l'Eglise Catholique et à la législation en vigueur dans le pays.

Elle est convoquée par écrit par le Représentant Légal. En cas d'absence ou d'empêchement du Représentant Légal, l'Assemblée Générale Ordinaire est convoquée par le Représentant Légal suppléant. En cas d'absence des deux, l'Assemblée est convoquée par le président de l'organe de résolution des conflits.

La lettre de convocation doit être expédiée quinze jours (15) avant la réunion ; elle mentionne les points sur l'ordre du jour.

L'Assemblée Générale ordinaire délibère valablement si deux tiers (2/3) de ses membres sont présents. Si le quorum n'est pas atteint, l'Assemblée Générale est convoquée à nouveau selon les formes prescrites dans l'alinéa premier (1) du présent article, dans un délai de dix jours (10). Au cours de cette seconde Assemblée, les décisions sont prises à la majorité simple des membres présents.

Cette seconde Assemblée statue seulement sur les points qui étaient à l'ordre du jour de la première réunion qui n'a pas eu lieu.

Ingingo ya 13 : Inteko Rusange idasanzwe

Inteko Rusange idasanzwe itumizwa mu buryo bumwe n'Inteko Rusange isanzwe. Yiga gusa ku bibazo byihutirwa. Ishobora gutumizwa igihe cyose ari ngombwa kandi hari ibibazo byihutirwa.

Yiga gusa ku bibazo byashyizwe kuri gahunda y'umunsi. Ibyemezo byayo bigomba gufatwa ku bwiganze burunduye bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango bitabiriye inama.

UMUTWE WA V: IBISHINGIRWAHO KUGIRA NGO UMUNTU ABE UMUYOBOZI N'UKO ABITAKAZA

Ingingo ya 14: Abayobozi

Kuba umuyobozi no kujya mu nzego z'ubuyobozi binyura mu nzira y'amatora akorwa n'abagize urwego rubifitiye ububasha. Abatowe ku bwiganze bw'amajwi ni bo bajya mu buyobozi.

Abayobozi b'Umuryango batazaza uwo mwanya iyo beguye ku bushake, birukanwe, bitabye Imana, ahinduriwe imirimo cyangwa inshingano bitabangikana n'ubuyobozi arimo.

Kugira ngo umuntu ahabwe inshingano z'Uhagarariye umuryango imbere y'amategeko agomba kuba yujuje ibisabwa mu ngingo ya 27 y'itegeko n° 06/2012 ryo kuwa 17 Gashyantare 2012 aribyo ibi :

Article 13 : Extraordinary General Assembly

The Extraordinary General Assembly shall be convened in accordance with the same modalities as those of the Ordinary General Assembly to discuss urgent and important issues. It may be convened anytime in case of emergency and necessity.

It shall deal with items on the agenda. The decisions of the extraordinary assembly must be taken at two thirds majority of the members present.

CHAPTER V: CRITERIA FOR BEING LEADER AND LOSS OF LEADERSHIP

Article 14: Executives

A member may be a Leader and part of governing organ through vote done by the competent organ. Candidates are elected by majority of vote.

The Executives lose their position by voluntary resignation, by revocation, by death by mutation or change in responsibilities not compatible with the management position or as members of such governing body.

To be appointed Legal Representative, an applicant must fulfil the conditions laid down by the article 27 of the Law n° 06/2012 of 17 February 2012 to know:

Article 13 : Assemblée Générale Extraordinaire

L'Assemblée Générale Extraordinaire est convoquée selon les mêmes modalités que l'Assemblée Ordinaire pour traiter seulement de questions importantes et urgentes. Elle peut être convoquée à tout moment s'il y a nécessité et urgence.

Elle ne peut que traiter les points portés à l'ordre du jour. Les décisions de l'Assemblée Extraordinaire doivent être prises à la majorité de deux tiers des membres présents.

CHAPITRE V : CRITERES POUR ETRE ET POUR PERDRE LA QUALITE DE DIRIGEANT

Article 14 : Dirigeants

Un membre fait partie des dirigeants et des organes de direction par voie de vote tenu par les membres de l'organe compétent. Sont élus les candidats dominant par la majorité.

Les dirigeants perdent cette qualité par la démission volontaire, la révocation, la mort et sur mutation ou changement de responsabilités non compatibles avec le poste de direction ou la qualité de membres de tel organe de direction.

En outre, pour être nommé aux fonctions du Représentant Légal, tout candidat doit satisfaire aux conditions stipulées par l'Article 27 de la loi n° 06/2012 du 17 février 2012 à savoir :

1° kuba ari inyangamugayo;
2° afite imyaka y'ubukure;
3° kuba atarahamwe n'icyaha cya Jenocide, icy'ingengabitekerezo ya Jenocide, icy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri;
4° atarakatiwe ku buryo budasubirwaho igihano cy'iremezo cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) kitarahanagurwa n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa.

Ingingo ya 15 : Uhagarariye Umuryango mu rwego rw'amategeko

Uhagarariye Umuryango mu rwego rw'amategeko ashwirwaho n'Inteko Rusange. Atakaza ubuyobozi mu muryango ku cyemezo cy'Inteko Rusange iyo atuzuzwa inshingano yatowe.

Umusimbura w'Uhagarariye umuryango mu rwego rw'amategeko ashwirwaho mu buryo bumwe n'ubw'uwuhagarariye imbere y'amategeko akanatakaza uwo mwanya mu buryo bumwe na we.

UMUTWE WA VI: INZEGO ZISHINZWE UBUTEGETSI N'UBUGENZUZI BW'IMARI

Ingingo ya 16: Inama y'Ubuyobozi

Umuryango uyoborwa n'Inama y'ubuyobozi. Igizwe n'aba bakurikira:

1° Uhagarariye Umuryango mu rwego rw'amategeko;
2° Usimbura Uhagarariye umuryango;

1° be a person of integrity;
2° be of a majority age;
3° have not been sentenced for the crime of genocide, genocide ideology, discrimination and sectarianism;
4° have not been definitively sentenced to a main penalty of imprisonment of six (6) months or more which is not erased by amnesty or rehabilitation.

Article 15 : Legal Representative

Legal Representative shall be appointed by the General Assembly. He shall be dismissed by the General Assembly if he fails to fulfil his duties.

The Deputy Legal Representative is appointed following the same procedure as the Legal Representative. He shall be dismissed in the same conditions and procedure as the Legal Representative.

CHAPTER VI: ADMINISTRATIVE AND FINANCIAL AUDIT ORGANS

Article 16: The Board of Directors

The Organization shall be administered by a Board of Directors comprising the following members:

1° the Legal Representative;
2° the Deputy Legal Representative;

1° être une personne intègre ;
2° avoir atteint l'âge de la majorité ;
3° n'avoir pas été condamné pour un crime de génocide, d'idéologie du génocide, de discrimination et de divisionnisme ;
4° n'avoir pas été définitivement condamné à une peine principale d'emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois qui n'a pas été rayée par l'amnistie ou la réhabilitation.

Article 15 : Représentant Légal

Le Représentant Légal est nommé par l'Assemblée Générale. Il perd la qualité de dirigeant dans l'Organisation, par décision de l'Assemblée Générale s'il ne remplit pas les conditions lui assignées.

La nomination du Représentant Légal suppléant suit la même procédure que celle de la nomination du Représentant Légal. Il en va de même pour la perte de la qualité de suppléance.

CHAPITRE VI : ORGANES ADMINISTRATIFS ET D'AUDIT FINANCIER

Article 16: Conseil d'Administration

L'Organisation est administrée par un Conseil d'Administration composée par :

1° le Représentant Légal;
2° le Représentant Légal suppléant;

Official Gazette n° 16 bis of 20 April 2015

3° Umuyobozi w’akanama ncungamutungo;	3° the President of the Financial Commission;	3° Le Représentant de la commission financière;
4° Umuyobozi w’akanama nkemuramakimbirane. Nta mushahara uhabwa abari mu nzego z’ubuyobozi bw’Umuryango.	4° the Head of the Organ of Conflict resolutions. No member of the Board of Directors shall receive any remuneration for the duties performed.	4° Le Président de l’organe de résolution de conflits. Les fonctions de membre du Conseil d’Administration ne donnent lieu à aucune rémunération.
Abagize Inama y’Ubuyobozi bashyirwaho n’Inteko Rusange mu gihe cy’imyaka itandatu (6) gishobora kongerwa.	The Board of Directors shall be elected by the General Assembly for a renewable six-year (6) term.	Les membres du Conseil d’Administration sont nommés par l’Assemblée Générale pour un mandat de six (6) ans renouvelables.
Bakora inama nibura inshuro ebyiri (2) mu mwaka kandi n’igihe cyose bibaye ngombwa.	It shall meet at least twice (2) a year, and whenever necessary.	Il se réunit au moins deux (2) fois par an et chaque fois que de besoin.
Ishinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’ibyemezo by’Inteko Rusange, ku bw’umwihariko ishyirwa mu bikorwa rigena imigambi n’ingengo y’imari y’Umuryango.	It shall ensure the implementation of the decisions of the General Assembly in particular the execution of the action plan and the budgetary plan.	Il est chargé de la mise en œuvre des décisions de l’Assemblée Générale, en particulier de l’exécution du plan d’action et des prévisions.
Niyo iteganya inama y’Inteko Rusange. Iyoborwa n’Uhagarariye Umuryango mu rwego rw’amategeko, n’Umusimbura akaba umunyamabanga.	It shall have the duty to prepare the meeting of the General Assembly. It shall be presided by the Legal Representative; the Deputy Legal Representative shall serve as its Secretary.	Il a la responsabilité de préparer la réunion de l’Assemblée Générale. Il est présidé par le Représentant Légal et le Représentant Légal Suppléant en est le secrétaire.
Inama y’Ubuyobozi itumizwa n’Uhagarariye Umuryango mu rwego rw’amategeko, yaba adahari igatumirwa n’Umusimbura.	The Board of Directors shall be convened by the Legal Representative or in his absence by the Deputy Legal Representative.	La réunion du Conseil d’Administration est convoquée par le Représentant Légal ou en son absence par le Représentant Légal Suppléant.

Ingingo ya 17: Ubuyobozi

Amabwiriza arebana n’imikorere y’Umuryango ashakiriye ku nshingano rusange ziri muri aya mategeko akubiye mu mategeko yihariye yemezwa n’Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw’amajwi y’abanyamuryango bayijemo.

Article 17: Administration

Standards for the Organization in reference to general basic principles contained in these Statutes are recorded in “Internal Rules” adopted by the General Assembly by the decision of a simple majority of members present.

Article 17 : Administration

Les normes relatives au fonctionnement de l’Organisation en référence aux principes généraux de base contenus dans les présents Statuts sont consignées dans un « Règlement d’Ordre Intérieur » adopté en Assemblée Générale par décision de la majorité simple des membres

présents.

Ingingo ya 18: Umutungo

Kugirango umuryango ugere ku nshingano zawo, ufite umutungo wimukanwa n'utimukanwa. Umuryango ubeshejweho n'ibituruka ku musaruro w'amaboko y'abawugize, impano, imirage, bikurikije amategeko y'imiryango ishingiyeye ku idini mu ngingo zayo iya 5 n'ya 30.

Umutungo w'umuryango ucungwa n'umubitsi w'Umuryango utorwa n'Inama Rusange.

Uwo mutungo ni uw'umuryango ku buryo budasubirwaho. Umuryango uwukoresha ku kintu kigamije inyungu zawo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye.

Nta munyamuryango n'umwe ushobora kwiyitirira uburenganzira ku mutungo habe no gusaba guhabwa umugabane mu gihe asezeye ku bushake, yirukanywe cyangwa habaye iseswa ry'umuryango.

Ingingo ya 19: Komisiyo y'icungamutungo

Komisiyo y'icungamutungo igizwe n'abantu batatu (3) batorwa n'Inteko Rusange batorewe imyaka itatu (3) ishobora kongerwa. Iyo Komisiyo ikora inama mbere y'uko inama y'Ubuyobozi iterana igomba kwiga ibibazo birebana n'umutungo. Iyo nama iyoborwa n'umwe mu bagize inama y'ubuyobozi. Ni urwego ngishwanama rushinzwe gutanga ibitekerezo ku bibazo byose birebana umutungo, cyane cyane mu gutegura imishinga y'igenamutungo n'igenamari.

Article 18: Assets and finances

In order to achieve its goals, the Organisation has real estates and movable properties.

It shall operate thanks to the income of its members' activities, funding, grants and various donations in compliance with the Law on religious-based organizations as laid down in Articles 5 and 30.

The assets and property of the Organisation shall be managed by a Finance Officer chosen by the General Assembly.

Those assets shall be its exclusive ownership. The properties of the Organization shall be used for everything that directly or indirectly contributes to the achievement of the goals of the Organization.

No member shall claim the right to possession nor request a share in case of voluntary resignation, exclusion or the dissolution of the Organization.

Article 19: The Finance Commission

A Finance Commission comprising three (3) members, designated by the General Assembly for a renewable three-year (3) term, shall meet before any meeting of the Board of Directors convened to address finance matters. It shall be chaired by a member of the Board of Directors. As a consultative and advisory body, the Finance Commission shall have a say in any financial matter, especially on budget forecasts and financial reports.

Article 18 : Patrimoine et finances

Pour assurer la réalisation de ses objectifs, l'Organisation dispose de biens immobiliers et de biens mobiliers.

Elle assure son fonctionnement par les produits générés par le travail de ses membres, des subsides, legs et dons divers, en conformité avec la loi sur les organisations fondées sur la religion, notamment en ses articles 5 et 30.

Les biens de l'Organisation sont gérés par un Administrateur financier choisi par l'Assemblée Générale. Ces biens sont sa propriété exclusive. L'Organisation affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de son objet.

Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession, ni en exiger une part quelconque en cas de retrait volontaire de l'Organisation, d'exclusion ou de dissolution de l'Organisation.

Article 19: Commission financière

Une commission financière de trois (3) membres, désignés par l'Assemblée Générale pour des mandats de trois (3) ans renouvelables, se réunit avant chaque Conseil d'Administration devant traiter des questions financières. Elle est présidée par un membre du Conseil d'Administration. Elle est un organe consultatif, appelé à donner ses avis sur toute question financière, notamment pour l'étude des prévisions budgétaires et des états financiers.

Umucungamutungo ni nawe mwanditsi w'akanama.

The Administrator is the financial secretary.

L'Administrateur financier en est le secrétaire.

Ingingo ya 20: Umugenzuzi w'imari wigenga

Article 20: The external auditor

Article 20: Auditeur externe

Gucunga imari n'umutungo by'umuryango bikorwa n'umugenzuzi w'inararibonye kandi uzi uwo mwuga, ariko akaba atari mu banyamuryango bo mu Rwanda. Inama nkuru y'ubuyobozi niyo imuhitamo.

The financial management of assets and property is done by an expert and external auditor; however, he shall not belong to the same Rwandan Organization. He is appointed by the Administrative Board.

La gestion des finances et des biens est supervisée par un auditeur externe compétent et expérimenté n'appartenant pas à la même organisation au Rwanda. Il est choisi par le Conseil de l'Administration.

Ingingo ya 21: Kuryozwa umwenda k'umunyamuryango

Article 21: Liability of the member

Article 21 : Responsabilité du membre

